

**REPUBLIKA Y’U RWANDA**



**URUKIKO RW’ IKIRENGA**

---

**RAPORO Y’IBYAGEZWEHO N’URWEGO  
RW’UBUCAMANZA MU MWAKA WA  
2021-2022**

---

Kigali, Nzeri 2022



**REPUBLIKA Y’U RWANDA**



**URUKIKO RW’ IKIRENGA**

---

**RAPORO Y’IBYAGEZWEHO N’URWEGO  
RW’UBUCAMANZA MU MWAKA WA  
2021-2022**

---

*Kigali, Nzeri 2022*

[www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw)





# ISHAKIRO

ISHAKIRO .....	3
URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE .....	5
URUTONDE RW'AMASHUSHO .....	5
IBISOBANURO BY'IMPINAMAGAMBO .....	6
IJAMBO RY'IBANZE .....	7
I. INTANGIRIRO .....	9
II. KUNOZA INZIRA URUBANZA RUCAMO HAGAMIJWE GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI MU GIHE GIKWIYE .....	11
2.1 Gutanga ubutabera bwihuse.....	11
2.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa .....	11
2.1.2 Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane .....	13
2.1.3 Imanza zarangiriye mu bwumvikane bukoze n'abacamanza.....	15
2.1.4 Igihe urubanza rumara mu rukiko rutegereje kuburanishwa .....	15
2.1.5 Imanza zinjiye mu nkiko .....	17
2.1.5.1 Imanza zinjiye mu nkiko muri rusange.....	17
2.1.5.2 Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo.....	20
2.1.6 Imanza zaciwe .....	26
2.1.7 Imanza zasubitswe.....	27
2.1.8 Imanza zisigaye mu nkiko .....	29
2.1.9 Imanza zabaye ibirarane mu nkiko ( <i>zirengeje amezi 6 zitaracibwa</i> ) .....	30
2.1.10 Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo.....	31
2.1.11 Imanza zerekeye ibyaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu.....	32
2.1.12 Imanza zaciwe mu nkiko za gisirikare. ....	33
2.2 Gutanga ubutabera bunoze .....	33
2.2.1 Guhuza imicire y'imanza.....	34
2.2.2 Igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujurire .....	39
2.2.3 Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane.....	40
III. KONGERA IMBARAGA MU IKORESHA RY'IKORANABUHANGA MU KUNOZA IMITANGIRE YA SERIVISI MU NKIKO .....	41
3.1 Kwagura imikorere ya IECMS.....	41
3.2 Kongera ikoranabuhanga ryifashishwa mu nkiko ( <i>court technology</i> ).....	41
3.3 Kongera ibikorwaremezo, kubivugurura no gushaka ibikoresho by'ikoranabuhanga biyanye n'igihe .....	42
IV. GUSHAKIRA INKIKO AHO ZIKORERA N'IBIKORESHO BY'IBANZE .....	42
4.1 Kubaka, kuvugurura, kwagura no gusana inyubako z'inkiko .....	42
4.2 Gushaka ibikoresho byo mu biro inkiko zikenera .....	43

<b>V. KURUSHAHO KUNOZA IMICUNGIRE Y’ABAKOZI, HASHYIRWA IMBARAGA MU BUNYAMWUGA N’UBUZOBERE MU BYICIRO BY’IMIRIMO.....</b>	<b>43</b>
5.1 Amahugurwa yakozwe.....	43
5.1.1 Amasomo yihariye ( <i>specialized legal program</i> ) .....	43
5.1.2 Amasomo y’umwuga yagenewe abanyamategeko ( <i>Diploma in legal practice</i> ) .....	44
5.1.3 Amahugurwa yo gukarishya ubwenge ( <i>Continuing Legal Education</i> ) .....	44
5.2 Kwita ku myitwarire ikwiye no kurwanya ruswa mu bakozi b’inkiko .....	44
5.3 Kwimakaza uburinganire mu bakozi b’inkiko.....	45
<b>VI. KUZAMURA ICYIZERE RUBANDA BAGIRIRA IBYEMEZO BY’INKIKO HONGERWA IMBARAGA MU KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYAZO NO GUSHIMANGIRA IMIKORANIRE N’ABAFATANYABIKORWA. ...</b>	<b>46</b>
<b>VII. IMICUNGIRE Y’INGENGO Y’IMARI Y’URWEGO RW’UBUCAMANZA .....</b>	<b>47</b>
<b>VIII. INCAMAKE Y’UMUSARURO WABONETSE HAKURIKIJE IBIPIMO BITANDUKANYE .....</b>	<b>49</b>
<b>IX. IMBOGAMIZI ZIKIBANGAMIYE IMIKORERE Y’URWEGO RW’UBUCAMANZA N’INGAMBA ZO GUHANGANA NA ZO.....</b>	<b>50</b>
<b>X. UMWANZURO .....</b>	<b>52</b>
<b>X. IMIGEREKA .....</b>	<b>54</b>
UMUGEREKA WA I: IBIREGO BYAKIRIWE N’INKIKO N’IBYEMEZO BYAFASHWE N’UBWANDITSI .....	54
UMUGEREKA WA II: IMANZA ZINJIYE.....	56
UMUGEREKA WA III: IMANZA ZASIGAYE MU MPERA ZA KAMENA 2022 .....	59
UMUGEREKA WA IV: IMANZA Z’IBIRARANE MU MPERA ZA KAMENA 2022.....	61
UMUGEREKA WA V: IGIHE URUBANZA RUTEGEREZA KUBURANISHWA MU RUKIKO .....	63

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe 1: Ibirego ubwanditsi bwasanze bikwiye kwandikwa n'ibyasubijwe inyuma mu nkiko z'ibanze.....	11
Imbonerahamwe 2: Igereranya ry'ibirego byinjye mu Nkiko z'Ibanze mu myaka 3 ishize.....	12
Imbonerahamwe 3: Akazi kakozwe ku birego byatanzwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru.....	12
Imbonerahamwe 4: Igereranya ku kazi kakozwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru mu kwakira ibirego mu myaka itatu ishize.....	13
Imbonerahamwe 5: Imanza zarangiriye mu nama ntegururubanza.....	14
Imbonerahamwe 6: Igereranya ry'ibirego byarangiriye mu nama ntegururubanza mu myaka 3 ishize.....	14
Imbonerahamwe 7: Imanza abacamanza bafashijemo ababuranyi kumvikana.....	15
Imbonerahamwe 8: Igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa.....	16
Imbonerahamwe 9: Igereranya ku gihe urubanza rutegereza mu rukiko mu myaka 3 ishize.....	16
Imbonerahamwe 10: Imanza zinjye mu nkiko z'ibanze.....	18
Imbonerahamwe 11: Imanza zinjye mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru.....	19
Imbonerahamwe 12: Igereranya ku manza zinjye mu nkiko mu myaka 3 ishize.....	19
Imbonerahamwe 13: Imanza zinjye zerekeye ifunga n'ifungura ry'agateganyo.....	20
Imbonerahamwe 14: Imanza zinjye mu nkiko hakurikijwe ubwoko bwazo.....	21
Imbonerahamwe 15: Igereranya ry'imanza zinjye mu nkiko hakurikijwe ubwoko bwazo mu myaka 3 ishize.....	22
Imbonerahamwe 16: Imanza z'ubucuruzi hakurikijwe ubwoko bwazo.....	23
Imbonerahamwe 17: Igereranya mu myaka 3 hashingiwe ku bwoko bw'imanza z'ubucuruzi zinjye.....	24
Imbonerahamwe 18: Imanza zaciwe kuri buri rwego rw'inkiko.....	26
Imbonerahamwe 19: Igereranya ku manza zaciwe muri iyi myaka 3.....	27
Imbonerahamwe 20: Imanza zasubitswe.....	27
Imbonerahamwe 21: Igereranya ku manza zisubikwa muri iyi myaka 3.....	28
Imbonerahamwe 22: Imanza zasigaye mu Nkiko mu mpera z'umwaka.....	29
Imbonerahamwe 23: Igereranya ry'imanza zisigaye mu nkiko mu myaka 3 ishize.....	29
Imbonerahamwe 24: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko.....	30
Imbonerahamwe 25: Ijanisha ku manza z'ibirarane ugereraniye n'iziri mu nkiko zose.....	30
Imbonerahamwe 26: Impinduka zabaye mu manza z'ibirarane mu myaka 3.....	31
Imbonerahamwe 27: Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo.....	32
Imbonerahamwe 28: Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu.....	32
Imbonerahamwe 29: Impinduka zabaye mu manza zigira ingaruka ku gihugu mu myaka 3 ishize.....	33
Imbonerahamwe 30: Imanza zahinduwe mu bujirire.....	39
Imbonerahamwe 40: Ingengo y'Imari yari ikenewe ugereraniye n'iyabonetse mu myaka 3 ishize.....	47
Imbonerahamwe 41: Uko ingengo y'imari yakoreshejwe mu myaka 3 ishize.....	48
Imbonerahamwe 42: Incamake ku musaruro w'Urwego rw'Ubucamanza 2021/2022.....	49

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho 1: Igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa.....	17
Ishusho 2: Imanza zinjye mu nkiko.....	18
Ishusho 3: Imanza zinjye ukurikije ubwoko bwazo.....	21
Ishusho 4: Ijanisha ry'imanza zasubitswe.....	28
Ishusho 5: Imanza zisigaye n'izabaye ibirarane.....	31
Ishusho 6: Igereranya ku ijanisha ry'imanza zahinduwe mu bujirire mu myaka itatu ishize.....	39

## IBISOBANURO BY'IMPINAMAGAMBO

CHC:	Commercial High Court
CoA:	Court of Appeal
COVID-19:	Coronavirus disease 2019
HC:	High Court
HCCIC:	High Court Chamber for International Crimes
IECMS:	Integrated Electronic Case Management System
JPMS:	Judicial Performance Management System
SC:	Supreme Court
TB:	Tribunal de Base
TGI:	Tribunal de Grande Instance
TOT:	Training of trainers



## IJAMBO RY'IBANZE



**Dr. Faustin NTEZILYAYO**  
*Chief Justice*

Uko umwaka utashye, Urwego rw'Ubucamanza rutangariza Abanyarwanda ibyo rwagezeho mu cyerekezo cyarwo cyo gutanga ubutabera bwihuse kandi bunoze.

Raporo y'umwaka wa 2021/2022 ikaba igaragaza umusaruro wagezweho kuri buri ntego muri eshanu zigize iki cyerekezo ari zo:

1. Kunoza inzira urubanza rucamo hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye;
2. Kunoza serivisi zitangwa mu nkiko binyuze mu kongera imbaraga mu ikoranabuhanga cyane cyane IECMS n'irindi koranabuhanga rikoresheya mu mirimo y'inkiko;
3. Gushakira inkiko aho zikorera hakwiye binyuze mu gushaka inyubako n'ibikoresho bikwiye;
4. Kunoza imicungire y'abakozi hibandwa ku guteza imbere ubunyamwuga n'ubunararibonye bwihariye hakurikijwe ubwoko bw'imanza;
5. Kongera imbaraga mu kumenyekanisha ibikorwa by'inkiko hagamijwe kuzamura icyizere inkiko zigirirwa, no gukorana n'abafatanyabikorwa.

Mu by'ikubitiro bigaragara mu byagezweho, hagarukwa ku bwiyoungere bw'imanza zicibwa n'inkiko muri rusange ziyongereyeho 19% hagereranyijwe imyaka itatu ishize ndetse n'impuzandengo y'imanza zicibwa n'umucamanza ku kwezi ikaba yarazamutseho 9%. Imwe mu mpamvu zatumye uyu musaruro ugerwaho akaba ari ugushyiraho abacamanza n'abanditsi bagengwa n'amasezerano y'igihe gito.

Iyi raporo kandi igaragaza ko ibirarane by'imanza byakomeje kwiyongera bigera kuri 59% by'imanza zose ziri mu nkiko, zivuye kuri 48% mu mwaka w'Ubucamanza wa 2019/2020. Ibi bikaba byaratwe ahanini n'imanza zinjira mu nkiko zikomeje kwiyongera, mu gihe nta bwiyoungere buhagije bw'abakozi b'inkiko bwabayeho. Imanza mu mizi zinjira mu nkiko zikaba zaravuye ku manza 75,188 muri 2019/2020 zikagera ku manza 84,243 muri uyu mwaka w'ubucamanza ushize, ni ukuvuga ubwiyoungere bwa 12%.

**“Imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n’abacamanza zingana na 73 zivuye ku manza 43”**

Mu rwego rwo kwimakaza umuco wo gukemura amakimbirane mu bwumvikane, muri uyu mwaka w’ubucamanza imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n’abacamanza zingana na 73 zivuye ku manza 43 mu mwaka w’ubucamanza wa 2019/2020 na 61 mu

mwaka w’ubucamanza wa 2020/2021, ni ukuvuga ubwiyongere bwa 41%; mu gihe izarangiriye mu nama ntegururubanza binyuze mu bwumvikane zabaye 4%.

Mu bijyanye n’ubudakemwa bw’imanza, ibipimo bigaragaza ko imanza zihindurwa mu bujurire zigeze kuri 6%; zikaba zaravuye ku manza 817 mu mwaka w’ubucamanza wa 2019/2020 zikagera ku manza 918 muri 2021/2022, ni ukuvuga ubwiyongere bwa 12%.

Imanza zigaragaramo akarengane nyuma yo kongera gusubirwamo zo ziri ku kigero cya 3% by’imanza zisabirwa gusubirwamo.

Urwego rw’Ubucamanza kandi rukomeje kwagura amarembo rugirana amasezerano y’ubufatanye n’izindi nzego z’ubucamanza cyangwa ibigo bikora mu nzego z’ubucamanza z’ibihugu bitandukanye, rwakira abashyitsi baziturutsemo kandi rwitabira inama mpuzamahanga.

Mu mbogamizi Urwego rw’Ubucamanza rugihura na zo ruzanakomeza gushakira umuti harimo:

- Ubwiyongere bw’imanza z’ibirarane bukomoka ku bwiyongere bw’imanza zinjira mu nkiko muri rusange, mu gihe umubare w’abacamanza n’abanditsi b’inkiko utiyongera;
- Kubonera inkiko aho zikorera no kubona ibikoresho bihagije;
- Kubona abakozi bafite ubumenyi n’ubunararibonye bihagije no kugumana abo rufite.

Urwego rw’Ubucamanza rurashimira abafatanyabikorwa batandukanye bakomeza kurutera ingabo mu bitugu kugira ngo rugeze ku Banyarwanda ubutabera bunoze kandi butanzwe mu gihe gikwiye. Rurashimira kandi abakozi barwo, abacamanza n’abandi bakozi b’inkiko bakomeje gukorana umurava kugira ngo Abanyarwanda babone ubutabera bakwiye. Uru rwego rurashimira by’umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, wakomeje kuruba hafi mu gushaka ibisubizo aho ruhuye n’imbogamizi.

**Dr. NTEZILYAYO Faustin**

**Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga akaba na**

**Perezida w’Inama Nkuru y’Ubucamanza**

## I. INTANGIRIRO

Ubutegetsi bw'Ubucamanza ni rumwe mu nzego eshatu zigize Ubutegetsi bwa Repubulika y'u Rwanda, nk'uko biteganywa mu ngingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

Mu kuzuzwa inshingano zabwo, Ubutegetsi bw'Ubucamanza burigenga kandi bukagira ubwisanzure mu micungire y'imari nk'uko biteganywa mu ngingo ya 150 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Bugengwa kandi n'amahame akurikira:

1° kuba imanza zicibwa mu izina ry'abaturage kandi ntawe ushobora kwicira urubanza ubwe;

2° kuba imanza ziburamushirizwa mu ruhamwe keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu buryo buteganywa n'amategeko;

3° kuba urubanza rwose rwaciwe rugomba kugaragaza impamvu rushingiyeho kandi rukandikwa mu ngingo zarwo zose; rugomba gusomerwa mu ruhamwe hamwe n'impamvu zose uko zakabaye n'icyemezo cyafashwe;

4° kuba ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo; bikaba kandi bidashobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko;

5° kuba abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose.

Ingingo ya 148 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda yo iteganya ko Ubutegetsi bw'Ubucamanza bushinzwe Urwego rw'Ubucamanza rugizwe n'inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye; ingingo ya 149 na yo igateganya ko Inama Nkuru y'Ubucamanza ari rwo rwego rukuriye Ubutegetsi bw'Ubucamanza ikaba ari na yo ishyiraho imirongo migari igenga imiyoborere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza.

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 2 n'ya 5 z'Itegeko n° 012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza, ubu Butegetsi bugizwe n'inzego ebyiri zikurikira: Inama Nkuru y'Ubucamanza n'Urwego rw'Ubucamanza.

Inama Nkuru y'Ubucamanza ni rwo rwego rukuriye Ubutegetsi bw'Ubucamanza; ni yo ishyiraho imirongo migari igenga imiyoborere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza.

Urwego rw'Ubucamanza rufite inshingano yo gutanga ubutabera mu izina ry'abaturage, mu buryo bubereye kandi mu bunyangamugayo hagamijwe kubaka igihugu kigendera ku mategeko, kubahiriza uburenganzira bwa muntu nk'umusingi w'imiyoborere izana impinduka.

Kugira ngo Urwego rw'Ubucamanza rwuzuze inshingano ruhabwa n'Itegeko Nshinga nk'uko zavuzwe haruguru, rugendeye ku cyerekezo nyamukuru, cyo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, hubahirizwa indangagaciro zikurikira: ubwigenge, kubahiriza igihe, kuba indashyikirwa, ubunyamwuga, kutabogama, ubunyangamugayo, kuzirikana umuturage / umugenerwabikorwa, n'umutimanama.

Kugira ngo iki cyerekezo kigerweho, Urwego rw'Ubucamanza, rushyiraho ingamba z'igihe kirekire zubakiye ku ntego nkuru zikurikira:

- Kunoza inzira urubanza rucamo hagamijwe gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye;
- Kunoza serivisi zitangwa mu nkiko binyuze mu kongera imbaraga mu ikoranabuhanga cyane cyane IECMS, n'irindi koranabuhanga rikoreshwa mu mirimo y'inkiko;
- Gushakira inkiko aho zikorera hakwiye binyuze mu gushaka inyubako n'ibikoresho bikwiye;
- Kunoza imicungire y'abakozi hibandwa ku guteza imbere ubunyamwuga n'ubunararibonye bwihariye mu bwoko bw'imanza;
- Kongera imbaraga mu kumenyesha rubanda ibikorwa by'inkiko hagamijwe kuzamura icyizere bafitiye inkiko no gukorana n'abafatanyabikorwa.

Buri mwaka Urwego rw'Ubucamanza rutegura kandi rugatangaza raporo igaragaza ibyo rwakoze n'umusaruro rwagezeho mu kugera ku ntumbero yo gutanga ubutabera bubereye Abanyarwanda. Raporo y'umwaka w'ubucamanza 2021/2022 igaragaza ibyakozwe n'umusaruro byatanze muri ibi byiciro byubakirwaho mu kugera ku ntego y'uru rwego.

## II. KUNOZA INZIRA URUBANZA RUCAMO HAGAMIJWE GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI MU GIHE GIKWIYE

Iyo ikirego gishyikirijwe urukiko, rutangira imirimo igenwa n’itegeko mu buryo umwanzuro ufatwa kuri buri ntambwe uba ugamiye kugera ku cyemezo cy’urukiko kigomba kuba gitanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

### 2.1 Gutanga ubutabera bwihuse

#### 2.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa

*“Ibirego bigaragaye ko bitujuje ibisabwa bigasubizwa inyuma, naho ibyujuje ibiteganywa n’amategeko bikandikwa.”*

Kwihutisha imanza bitangirana n’akazi ko kwakira ibirego bitangwa mu nkiko. Ubwanditsi bw’inkiko busuzuma ikirego cyose cyashyikirijwe urukiko, bukagenzura ko cyujuje ibisabwa, ibirego bigaragaye ko bitujuje ibisabwa bigasubizwa

inyuma, naho ibyujuje ibiteganywa n’amategeko bikandikwa. Ibi bikorwa kugira ngo hatagira ibirego bigera imbere y’umucamanza bikamufata umwanya utari ngombwa, bityo bifashe kugabanya igihe urubanza rumara mu rukiko. By’umwihariko ku rwego rw’ubujurire, ibi bifasha gukumira ubukererwe mu irangizwa ry’imanza ababuranyi batsinze.

Mu nkiko z’ibanze, muri uyu mwaka w’ubucamanza wa 2021/2022, akazi kakozwe n’ubwanditsi bw’inkiko ku biyanye no gusuzuma niba ibirego byujuje ibisabwa no kubyandika kagaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 1: Ibirego ubwanditsi bwasanze bikwiye kwandikwa n’ibyasubijwe inyuma mu nkiko z’ibanze**

Urukiko	Ibirego byari bitegereje gufatirwa icyemezo mu ntangiriro za Nyakanga 2021	Ibirego ababuranyi bohereje mu Nkiko	Ibirego byose byagombaga gusuzumwa	Ibirego byatangiriye mu Bunzi		Ibirego byatangiriye mu rukiko		Ibyasigaye bitarafatirwa icyemezo mu mpera za Kamena 2022
				Ibyahawe nimeru	Ibyasubijwe inyuma	Ibyahawe nimeru	Ibyasubijwe inyuma	
Inkiko z’ibanze	2,977	61,231	64,208	1,059	54	58,167	2,171	2,964

Mu mwaka w’ubucamanza dusoje, ibirego byose byinjijye mu nkiko z’ibanze ni 61,231, byaje bisangamo ibindi bigera kuri 2,977 byari byasigaye mu mwaka w’ubucamanza wabanje bitarafatirwa icyemezo cya burundu ku iyandikwa ryabyo, byose hamwe biba ibirego 64,208. Ubwanditsi bw’inkiko bumaze gusuzuma ibyo birego byinjijye, ibigera kuri 59,226 bwarabyanditse, naho ibirego 2,225 ntibyandikwa kuko bitari byujuje ibisabwa n’amategeko. Uyu mwaka w’ubucamanza ushize warangiye hakiri ibirego 2,964 bitegereje gusuzumwa kugira ngo hafatwe icyemezo cya burundu ku iyandikwa ryabyo.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igereranya ry'akazi kakozwe mu bwanditsi bw'inkiko ku bijyanye no gusuzuma niba ibirego byujuje ibisabwa no kubyandika mu myaka itatu ishize.

### Imbonerahamwe 2: Igereranya ry'ibirego byinjye mu nkiko z'ibanze mu myaka 3 ishize

Isuzumwa ry'ibirego mu bwanditsi	2019/2020	2020/ 2021	2021/ 2022	Impinduka
Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z'umwaka	2540	2052	2977	17%
Ibirego byinjye ku mwaka	54740	53338	61231	12%
Ibirego byose byagombaga gusuzumwa	57280	55390	64208	12%
Ibirego byanditswe	52948	50633	59226	12%
Ibirego byasubijwe inyuma	2910	2111	2225	-24%
Ibirego byose byafashweho icyemezo cya nyuma	55858	52744	61451	10%
Ibirego byasigaye	2052	2977	2,964	44%

Ibirego byari mu nkiko z'ibanze bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z'umwaka w'ubucamanza dusoje byiyongereyeho 17% ugereraniye n'umwaka wa 2019/2020, mu gihe ibirego byinjye mu nkiko z'ibanze byo byiyongereyeho 12%.

Mu myaka itatu ishize, ibirego byari byujuje ibisabwa bikandikwa byiyongereyeho 12% mu gihe ibyasubijwe inyuma byo byagabanutseho 24%. Ikindi kigaragara cyane ni uko ibirego bisigara bitarafatirwa icyemezo cya nyuma ku bijyanye no kwandikwa byiyongereyeho 44%.

### Imbonerahamwe 3: Akazi kakozwe ku birego byatanzwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru

Urukiko	Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z'umwaka muri Nyakanga 2021	Ibirego ababuranyi bohereje mu Nkiko	Ibirego byose urukiko rwagombaga gusuzuma	Ibyasubijwe inyuma	Ibyahawe nimero	Ibyasigaye mu mpera za Kamena 2022
Byose	1,738	46,069	47,807	2,049	43,314	2,497
Urukiko rw'Ikirenga	7	88	95	35	59	1
Urukiko rw'Ubujurire	311	1,095	1,406	165	766	476
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	15	1,097	1,112	12	1,051	49
Urukiko rw'Ubucuruzi	95	2,975	3,070	86	2,860	137
Urukiko Rukuru	287	9,057	9,344	761	7,998	594
Inkiko Zisumbuye	1,023	31,757	32,780	990	30,580	1,240

Mu nkiko zisumbuye n'inkuru, mu mwaka w'ubucamanza dusoje ababuranyi batanze ibirego 46,069 bisangamo ibindi 1,738 byari byasigaye mu mwaka ubanza bidafatiwe icyemezo cya burundu ku iyandikwa, byose hamwe biba 47,807. Muri ibi birego ibigera kuri 43,314 bingana na 90.6% byarasuzumwe birandikwa, naho 2,049 bingana na 4% bisubizwa inyuma kuko bitari byujuje ibisabwa, mu gihe ibirego 2,497 bingana na 5% umwaka warangiye bitarasuzumwa.

Hagereranyijwe uko ubwanditsi bw'inkiko bwakoze mu myaka itatu ishize mu bijyanye no gusuzuma ibirego no kubyandika, usanga harimo impinduka zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 4: Igereranya ku kazi kakozwe mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru mu gusuzuma ibirego no kubyandika mu myaka 3 ishize**

<i>Isuzuma ry'ibirego mu bwanditsi</i>	<i>2019/2020</i>	<i>2020/2021</i>	<i>2021/2022</i>	<i>Impinduka</i>
Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z'umwaka	4,302	3,000	1,738	-60%
Ibirego abaturage bohereje mu nkiko	41,688	44,648	46,069	11%
Ibirego byose urukiko rwagombaga gusuzuma	45,990	47,363	47,807	4%
Ibirego byose byanditswe	40,181	42,636	43,314	8%
Ibyasubijwe inyuma	2,966	3,144	2,049	-31%
Ibirego byose ubwanditsi bwagize icyo bukoraho	43,147	45,780	45,363	5%
Ibyasigaye	3,000	1,738	2,497	-17%

**“ Ibirego byinjira mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru byazamutseho 11%”**

Ibirego byinjira mu nkiko zisumbuye n'inkiko nkuru byazamutseho 11% naho ibirego byose izi nkiko zagombaga gusuzuma, bizamukaho 5%. Ibirego byanditswe nabyo byazamutseho 8% mu gihe ibirego byasubijwe inyuma byo byagabanutseho 31%. Ibirego ubwanditsi bw'urukiko bwagize icyo bukoraho byazamutseho 5% mu gihe ibirego byasigaye bitarasuzumwa ngo bifatirwe icyemezo cya nyuma ku iyandikwa ryabyo byagabanutseho 17%.

**2.1.2 Imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane**

Mu rwego rwo kwihutisha imanza, abanditsi b'inkiko bagira uruhare mu kumvikanisha ababuranyi babyifuzaga mu gihe cy'inama ntegurarubanza, bigatuma ababihisemo ibibazo byabo bikemuka vuba kandi burundu bidasabye iburanisha risanzwe. Ibi kandi bifasha ababuranyi mu buryo bwinshi burimo ko umwanya bari kuzamara mu manza bawukoresha mu bindi bikorwa bibafitiye akamaro, bikanafasha inkiko

kugabanya imanza zigera imbere y'umucamanza no kwihutisha itangwa ry'ubutabera muri rusange.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zarangiriye mu bwanditsi bw'inkiko binyuze mu bwumvikane ugereraniye n'imanza zose zanyuze mu nama ntegururubanza.

#### Imbonerahamwe 5:Imanza zarangiriye mu nama ntegururubanza

Urukiko	Imanza zose zanyuze mu nama ntegururubanza	Izo ubwanditsi bwumvikanishijemo ababuranyi	Ijanisha
Zose	18,230	681	4%
Urukiko rw'Ikirenga	38	-	-
Urukiko rw'Ubujurire	79	4	5%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	877	10	1%
Urukiko rw'Ubucuruzi	2,280	127	6%
Urukiko Rukuru	1,153	32	3%
Inkiko Zisumbuye	5,031	268	5%
Inkiko z'Ibanze	8,772	240	3%

Mu manza zose zanyuze mu nama ntegururubanza zigera kuri 18,230, izingana na 681, ni ukuvuga 4%, zarangiriye mu nama ntegururubanza binyuze mu bwumvikane, bidasabye iburanisha risanzwe.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'imanza zarangiriye mu nama ntegururubanza binyuze mu bwumvikane, hagereranyijwe imyaka itatu ishize.

#### Imbonerahamwe 6:Igereranya ry'ibirego byarangiriye mu ntegururubanza mu myaka 3

Urukiko	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose hamwe	854	864	681	-20%
Urukiko rw'Ikirenga	2	1		-100%
Urukiko rw'Ubujurire	2	5	4	100%
Urukiko Rukuru	18	15	32	78%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	203	23	10	-95%
Urukiko rw'Ubucuruzi	34	230	127	274%
Inkiko Zisumbuye	291	334	268	-8%
Inkiko z'Ibanze	304	256	240	-21%

Muri rusange imanza zarangiriye mu bwumvikane mu nama ntegururubanza muri iyi myaka 3 zagabanutseho 20% ziva kuri 854 zigera kuri 68. Ibi biterwa ahanini n'uko inzira y'ubuhuzarashyamba imizi mu myumvire y'abagana inkiko, ndetse n'abanditsi b'inkiko bakaba bagikeneye kongererwa amahugurwa mu bijyanye n'ubuhuzarashyamba.



### 2.1.3 Imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n'abacamanza

Ingingo ya 72 y'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, iteganya ko ku bibazo asanga bishobora gukemurwa neza binyuze mu bwumvikane, umucamanza ashobora kubishishikariza ababuranyi, babyemera akabafasha kumvikana ubwe cyangwa akabohereza mu bwunzi.

#### Imbonerahamwe 7: Imanza abacamanza bafashijemo ababuranyi kumvikana

Urukiko	Imanza abacamanza bumvikanishijemo ababuranyi 2021/2022
Zose hamwe	73
Urukiko rw'Ikirenga	2
Urukiko rw'Ubujurire	5
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	6
Urukiko rw'Ubucuruzi	11
Urukiko Rukuru	3
Inkiko Zisumbuye	24
Inkiko z'Ibanze	22

Iyi mibare y'imanza zarangiriye mu buhuza, bwaba ubukorezwe n'abacamanza kimwe n'ubukorewe mu nama ntegururubanza igaragaza ko iyi nzira ifasha ababuranyi kuzigama igihe n'amafaranga bari kuzakoresha mu nzira zisanzwe z'inkiko. Ibi byafashije kandi inkiko kuzigama igihe zari kuzakoresha mu guca izi manza.

**“ Ababuranyi bazakomeza gukangurirwa kwitabira inzira y'ubuhuza kuko ifite ibyiza byinshi ”**

Ababuranyi bazakomeza gukangurirwa kwitabira inzira y'ubuhuza kuko ifite ibyiza byinshi byavuzwe haruguru kandi ituma ibibazo bikemurwa burundu.

### 2.1.4 Igihe urubanza rumara mu rukiko rutegereje kuburanishwa

Mu rwego rwo gusuzuma uko gutanga ubutabera mu gihe gikwiye bigerwaho, habarwa igihe urubanza rutegereza kugira ngo rutangire kuburanishwa. Muri uyu mwaka w'ubucamanza impuzandengo y'igihe urubanza rutegereza cyageze ku mezi 10 nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza.

### Imbonerahamwe 8: Igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa

Urukiko	Imanza zisigaye mu mpera za kamena 2021	Imanza zicibwa ku kwezi	Impuzandengo y'igihe urubanza rumara
Zose hamwe	79,468	8,254	10
Urukiko rw'Ikirenga	44	4	10
Urukiko rw'Ubujurire	1,233	56	22
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	857	95	9
Urukiko rw'Ubucuruzi	982	225	4
Urukiko Rukuru	14,379	436	33
Inkiko Zisumbuye	27,803	2526	11
Inkiko z'Ibanze	34,170	4912	7

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza impinduka zabaye mu bijyanye n'igihe urubanza rutegereza kugira ngo rutangire kuburanishwa, hagereranijwe imyaka 3 ishize.


### Imbonerahamwe 9: Igereranya ry'imyaka 3 ku gihe urubanza rutegereza mu rukiko

	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose hamwe	8	10	10	25%
Urukiko rw'Ikirenga	9	9	10	11%
Urukiko rw'Ubujurire	6	35	22	267%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	14	8	9	-36%
Urukiko rw'Ubucuruzi	4	3	4	0%
Urukiko Rukuru	19	30	33	74%
Inkiko Zisumbuye	10	13	11	10%
Inkiko z'Ibanze	6	8	7	17%

Muri rusange, hagati y'umwaka wa 2019/2020 na 2021/2022 igihe urubanza rumara rutegereje gutangira kuburanishwa cyazamutseho 25%, ni ukuvuga ko cyiyongereyeho amezi 2. Ibi bikaba biterwa ahanini n'ubwiyongere bw'imanza zinjira mu nkiko ari nyinshi zituma imanza zisigara ugereranije n'imanza zicibwa ziyongera, bityo igihe imanza zitegereza ngo zitangire gucibwa nacyo kikiyongera.

Ishusho ikurikira igaragaza impinduka mu gihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa mu myaka itatu ishize.

## Ishusho 1: Igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa



### 2.1.5 Imanza zinjiye mu nkiko


Umusaruro w'inkiko mu gutanga ubutabera mu gihe gikwiye ujanya n'umubare w'imanza zinjira. Iyo izi manza ziruta izicibwa, byongera umubare w'ibirarane ndetse bigakereza igihe ubutabera bwagombye gutangirwamo.

Muri iki gika hagaragazwa imanza zinjiye muri rusange kuri buri rwego rw'inkiko, izinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo ndetse n'izinjiye zigomba kuburanishwa ku ifunga n'ifungura by'agateganyo.

#### 2.1.5.1 Imanza zinjiye mu nkiko muri rusange

Imanza zinjira ni zo gipimo fatizo kigaragaza ingano y'akazi inkiko zigomba gukora mu gutanga ubutabera mu gihe gikwiye ugereraniye n'ubushobozi inkiko zifite bwo guca izi manza. Nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza, imanza zakomeje kugenda ziyongera muri iyi myaka itatu ishize.

## Ishusho 2: Imanza zinjiye mu nkiko



Imanza mu mizi zinjira zikaba zimaze kwiyongeraho imanza 9,055 ni ukuvuga ko zazamutse ku ijanisha rya 12% muri iyi myaka.

### Imanza zinjiye mu Nkiko z'Ibanze

Nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza, mu nkiko z'ibanze hinjiye imanza 59,228 harimo imanza 44,703 zigomba kuburanishwa mu mizi n'imanza 14,525 zigomba kuburanishwa ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo.

### Imbonerahamwe 10: Imanza zinjiye mu Nkiko z'Ibanze

Urukiko	Imanza zinjiye	Izatangiriye mu nkiko			Izatangiriye mu bunzi	
	Zose	Zose	Imanza mu mizi	Ifunga n'ifungura ry'agateganyo	Zose	Izinjiye
Inkiko z'ibanze	59,228	58,169	43,644	14,525	1,059	1,059

Muri uyu mwaka w'ubucamanza mu nkiko z'ibanze hinjiye imanza 59,228 harimo imanza 58,169 zatangiriye mu nkiko n'imanza 1,059 zatangiriye mu bunzi. Muri izi manza zose, 43,644 ni imanza mu mizi; 14,525 ni imanza ku ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo.

## Imanza zinjiye mu Nkiko Zisumbuye n'Inkiko Nkuru

**“ Mu Nkiko Zisumbuye n'Inkiko Nkuru hinjiye imanza 43,314 ”**

Mu Nkiko Zisumbuye n'Inkiko Nkuru hinjiye imanza 43,314 harimo imanza 39,540 zigomba kuburanishwa mu mizi n'imanza 3,774 zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo.

### Imbonerahamwe 11: Izingiye mu Nkiko Zisumbuye n'Inkiko Nkuru

Urukiko	Imanza zinjiye zose	Mu mizi				Ifunga n'ifungura ry'agateganyo		
		Zose hamwe	Ku rwego rwa mbere	Ubujurire ku rwego rwa mbere	Ubujurire ku rwego rwa kabiri	Zose	ubujurire	Urwego rwa mbere
Zose hamwe	43,314	39,540	14,537	24,261	742	3,774	3,685	89
Urukiko rw'Ikirenga	59	59		59				
Urukiko rw'Ubujurire	766	766	79	60	627			
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	1,051	1,051	924	127				
Urukiko rw'Ubucuruzi	2,860	2,860		2,860				
Urukiko Rukuru	7,998	7,979	7,367	497	115	19	18	1
Inkiko Zisumbuye	30,580	26,825	6,167	20,658		3,755	3,667	88

Igereranya ry'imanza zinjiye mu Nkiko muri iyi myaka itatu ishize rigaragaza ko izo manza ziyongereye nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

### Imbonerahamwe 12: Igereranya ku manza zinjiye muri iyi myaka itatu

	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose hamwe	75,188	78,859	84,243	12%
Urukiko rw'Ikirenga	50	32	59	18%
Urukiko rw'Ubujurire	292	1,231	766	162%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	970	1,147	1,051	8%
Urukiko Rukuru	7,867	7,678	7,979	1%
Urukiko rw'Ubucuruzi	2,463	2,879	2,860	16%
Inkiko Zisumbuye	24,945	26,472	26,825	8%
Inkiko z'Ibanze	38,601	39,420	44,703	16%

Muri iyi myaka 3 ishize imanza mu mizi zinjiye mu nkiko muri rusange ziyongereyeho 12% zivuye ku manza 75,188 zigera ku manza 84,243. Mu Rukiko rw'Ubujurire niho habaye izamuka rinini ku kigero cya 162%, gusa hagereranyijwe uyu mwaka n'umwaka ushize imanza zinjiye muri uru rukiko zikaba zaragabanutseho 465. Mu Rukiko rw'Ikirenga ziyongereye kuri 18%, mu Rukiko rw'Ubucuruzi no mu Nkiko z'Ibanze ho ziyongeraho 16%; mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no mu Nkiko zisumbuye ziyongeraho 8% naho mu Rukiko Rukuru ziyongera ku kigero cya 1%.

Imanza zinjiye ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo muri iyi myaka itatu ishize zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe 13: Imanza zinjiye zerekeye ifunga n'ifungura ry'agateganyo

URUKIKO	2019/2020	2020/2021	2021/2022	IMPINDUKA
Zose	17,433	14,195	18,049	4%
Urukiko Rukuru	17	12	21	24%
Inkiko Zisumbuye	3,542	3,101	3,741	6%
Inkiko rw'Ibanze	13,874	11,082	14,287	3%

Muri iyi myaka 3, muri rusange imanza zinjiye zerekeye ifunga n'ifungura ry'agateganyo zazamutseho 4%, mu Rukiko Rukuru zikaba ariho zazamutse ku kigero kiri hejuru kingana na 24%.

#### 2.1.5.2 Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo

Imanza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo zisesengurwa hakurikijwe izinjiye mu nkiko zisanzwe, izinjiye mu nkiko z'ubucuruzi, n'izinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo kuri buri rwego rw'inkiko.

##### A. Mu nkiko zisanzwe

Mu bika bikurikira harasesengurwa imanza zinjiye mu nkiko zisanzwe hakurikijwe ubwoko bwazo.


## Imbonerahamwe 14:Imanza zinjiye mu nkiko ukurikije ubwoko bwazo

Ubwoko bw'Imanza	Imanza zose zinjiye	Imanza mu mizi				Ifunga n'ifungura ry'agateganyo		
		Zose	Ku rwego rwa mbere	Ubujurire ku rwego rwa mbere	Ubujurire ku rwego rwa kabiri	Zose	Ku rwego rwa mbere	Ubujurire
Zose hamwe	102,542	84,243	14,537	68,964	742	18,299	3,685	14,614
Imanza z'ubutegetsi	413	413	113	291	9			
Imbonezamubano	21,052	21,052	2,289	18,697	66			
Imanza z'Ubucuruzi	4,736	4,736	936	3,710	90			
Imanza nshinjabyaha	72,932	55,235	10,457	44,226	552	17,697	3,486	14,211
Ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu	1,560	1,190	344	840	6	370	133	237
Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho	648	416	142	257	17	232	66	166
Imanza z'umurimo	1,197	1,197	256	939	2			
Imanza zihariye	4	4		4				

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, imanza nshinjabyaha ni zo ziganje kuko zihariye 71% by'imanza zose, ndetse na 66% by'imanza mu mizi zose (hatabariwemo imanza ku ifunga n'ifungura ry'agateganyo).

Ishusho ikurikira igaragaza ubwiganze mu manza zinjira mu nkiko.

### Ishusho 3: Imanza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo



Hagereranyijwe imyaka 3 ishize, impinduka zabaye mu manza zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo iteye mu buryo bukurikira:

**Imbonerahamwe 15: Igereranya ry'imanza zinjiye mu nkiko hakurikijwe ubwoko bwazo mu myaka 3 ishize**

Ubwoko	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose	75,186	78,853	84,243	12%
Imanza z'ubutegetsi	505	569	413	-18%
Imanza mbonezamubano	19,227	20,040	21,052	9%
Imanza z'ubucuruzi	3,987	4,905	4,736	19%
Imanza nshinjabyaha	48,303	49,865	55,235	14%
Ibyaha bimunga ubukungu	1,220	1,444	1,190	-2%
Jenoside nibyaha biyishamikiyeho	622	538	416	-33%
Imanza z'umurimo	1,309	1,485	1,197	-9%
Imanza zihariye	13	7	4	-69%

Muri iyi myaka itatu ishize, imanza zinjiye mu nkiko ziyongereyeho 12%. Imanza z'ubucuruzi ni zo ziyongereye ku kigero kiri hejuru, kingana na 19%, zikurikirwa n'imanza nshinjabyaha zazamutse ku kigero cya 14%. Imanza mbonezamubano zo zazamutse ku kigero cya 9%, imanza zihariye zikaba arizo zagabanutse cyane, ku kigero cya 69%; iza Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho zigabanuka ku kigero cya 33%, mu gihe imanza z'ubutegetsi zagabanutse ku kigero cya 18%.

Ishusho ikurikira igaragaza uko imanza zinjira zagiye ziyongera muri iyi myaka itatu (imanza mu mizi).

**B. Mu nkiko z'ubucuruzi**

Imanza z'ubucuruzi zinjiye hakurikijwe ubwoko bwazo zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.



## Imbonerahamwe 16: Imanza z'ubucuruzi ukurikije ubwoko bwazo

Ubwoko bw'imanza				
	Zose	Ku rwego rwa mbere	Ubujurire ku rwego rwa mbere	Ubujurire ku rwego rwa kabiri
Imanza zose	4,198	3,025	1,044	129
Ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete	1	1		
Igihombo cy'ubucuruzi	13	1	2	10
Amasosiyete y'ubucuruzi	41	20	8	13
Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi	1	1		
Imanza ku masezerano cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi	3,108	2,413	650	45
Impaka ku masezerano n'amabanki	270	75	163	32
Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse	434	327	105	2
Impaka ku irangizamutungo, isesa n'ivugurura ry'ibigo by'ubucuruzi biri mu nzira y'igihombo	27	24	2	1
Impaka ku nyandiko mvunja faranga	3	2	1	
Indishyi z'ubwishingizi butari ubw'impanuka zo mu muhanda	67	25	35	7
Umutungo bwite mu by'ubwenge	14	11		3
Iyandikwa n'ihanagurwa ry'ubucuruzi	3	3		
Imisoro n'amahoro	214	120	78	16
Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu	2	2		

**“ Mu manza z'ubucuruzi zinjiye mu nkiko zigera ku 4,198, iziganje kuruta izindi ni izerekeye amasezerano y'ubucuruzi ”**

Mu manza z'ubucuruzi zinjiye mu nkiko zigera ku 4,198, iziganje kuruta izindi ni izerekeye amasezerano y'ubucuruzi zigera ku 3,108, zigakurikirwa n'izerekeye impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse zingana na 434. Izindi ziganje ni izerekeye impaka ku masezerano n'amabanki zigera kuri 270 n'iz'imisoro n'amahoro zingana na 214.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza impinduka zabaye mu manza zinjiye mu nkiko z'ubucuruzi hakurikijwe ubwoko bwazo.

**Imbonerahamwe 17: Igereranya mu myaka 3 hashingiwe ku bwoko bw'imanza z'ubucuruzi zinjiye**

Ubwoko bw'imanza	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Imanza z'Ubucuruzi	3,517	4,198	4,048	15%
Ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete	0	1	4	400%
Igihombo cy'ubucuruzi	9	13	5	-44%
Amasosiyete y'ubucuruzi	27	41	147	444%
Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi	1	1	2	100%
Imanza ku masezerano cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi	2,148	3,108	2,728	27%
Impaka ku masezerano n'amabanki	642	270	493	-23%
Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse	439	434	347	-21%
Impaka ku irangizamutungo, isesa n'ivugurura ry'ibigo by'ubucuruzi biri mu nzira y'igihombo	24	27	59	146%
Impaka ku nyandiko mvunja faranga	1	3	8	700%
Indishyi z'ubwishingizi butari ubw'impanuka zo mu muhanda	58	67	62	7%
Umutungo bwite w'ubwenge	4	14	7	75%
Iyandikwa n'ihanagurwa ry'ubucuruzi	1	3	2	100%
Imisoro n'amahoro	156	214	183	17%
Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu	2	2	1	-50%

Mu myaka 3 ishize, imanza z'ubucuruzi ziyongereye ku rugero rwo hejuru cyane ni izerekeye impaka ku nyandiko mvunjafaranga ziyongereye ku kigero cya 700%, hakurikiraho imanza zerekeye amasosiyete ziyongereye kuri 444% ndetse n'izerekeye ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete ku kigero cya 400%. Izagabanutse cyane ni izerekeye ubwikorezi bw'abantu n'ibintu zagabanutseho 50% n'izerekeye igihombo cy'ubucuruzi zagabanutseho 44%.

### C. Ibibazo byiganje mu manza zinjira

- **Mu manza nshinjabyaha**

Ibyaha byiganje kurusha ibindi mu manza nshinjabyaha ziregerwa inkiko (birengeje imanza 2000) ni ibi zikurikira:

	<i>Ubwoko bw'ibyaha</i>	<i>Umubare</i>
1	Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake	18,389
2	Ubujura bukomeye	8,171
3	Ubujura bworoheje	7,785
4	Ibyaha bijyanye n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo	6,014
5	Gukoresha ibikangisho	4,407
6	Gusambanya umwana	4,040
7	Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	3,347
8	Icyaha cy'ubuhemu	2,753
9	Ubujura bukoreshajwe kiboko cyangwa ibikangisho	2,441
10	Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshajwe uburiganya	2,014

Bigaragara ko mu manza nshinjabyaha, ibibazo byiganjemo ari ibyerekeye ibyaha byo gukubita no gukomeretsa, ubujura bukomeye n'ubworoheje ndetse n'ibiyobyabwenge.

- **Mu manza mbonezamubano**

Ibibazo byiganje mu manza mbonezamubano (birenze imanza 600) bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Gutandukana burundu	3322
Impaka ku masezerano y'ubucuruzi	2761
Kwemeza inyandiko z'irangamirere	791
Amasezerano	786
Ubutaka busanzwe	752
Indishyi zikomoka ku kutubahiriza amasezerano	714
Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse	659
Ihererekanyamutungo utimukanwa	642
Kwemeza ko umuntu yapfuye	628

Ibibazo byiganje kuruta ibindi mu manza mbonezamubano ni gutandukana burundu n'ibyerekeye impaka ku masezerano y'ubucuruzi.

## 2.1.6 Imanza zaciwe

Guca imanza ni igikorwa shingiro mu guha abagana inkiko ubutabera mu gihe gikwiye. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zaciwe ku rwego rwa buri rukiko.

### Imbonerahamwe 18: Imanza zaciwe kuri buri rwego rw'inkiko

Urukiko	Imanza zaciwe zose	Izaciwe mu mizi	Izerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo
Zose	90,795	72,744	18,051
Urukiko rw'Ikirenga	47	47	
Urukiko rw'Ubujurire	617	617	
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	1,043	1,043	
Urukiko rw'Ubucuruzi	2,473	2,473	
Urukiko Rukuru	4,147	4,135	12
Inkiko Zisumbuye	27,785	24,044	3,741
Inkiko z'Ibanze	54,033	39,744	14,289

**“ Muri uyu mwaka w'ubucamanza, inkiko zaciye imanza zose hamwe 90,795**

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, inkiko zaciye imanza zose hamwe 90,795 harimo imanza 72,744 zaciwe mu mizi, n'imanza 18,051 zaciwe ku ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo.

Igereranya ry'imanza zaciwe zose (90,795) n'izinjiye zose (102,542) rigaragaza ko muri uyu mwaka w'ubucamanza inkiko zari zifite ubushobozi bwo guca imanza zigera kuri 89% by'imanza zinjira. Bivuze ko 11% zisigara zisanga izindi ziba zitaracibwa. Ibi bikaba bisobanura inkomoko y'ikibazo cy'ibirarane bigenda birushaho kwiyongera buri mwaka. Umwe mu miti y'iki kibazo ukaba ari ukongera umubare w'abacamanza n'abanditsi b'inkiko uko ubushobozi buzagenda buboneka.

Hagereranyijwe imyaka 3 ishize, impinduka zabaye ku bijyanye n'umubare w'imanza zicibwa zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe 19: Igereranya ku manza zaciwe muri iyi myaka 3

URUKIKO	Imanza zaciwe zose				Imanza zaciwe mu mizi				Izaciwe ku ifunga n'ifungura			
	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose hamwe	76,284	74,513	90,795	19%	58,851	60,318	72,744	23.6%	17,433	14,195	18,051	4%
Urukiko rw'Ikirenga	67	43	47	-64%	67	43	47	-29%				
Urukiko rw'Ubujurire	514	355	617	20%	514	355	617	20%				
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	749	1,183	1,043	39%	749	1,183	1,043	39%				
Urukiko Rukuru	4,726	4,147	4,797	2%	4,710	4,135	4,776	1%	17	12	21	24%
Urukiko rw'Ubucuruzi	2,443	2,721	2,473	1%	2,443	2,721	2,473	1%				
Inkiko Zisumbuye	22,221	22,516	27,785	25%	18,679	19,415	24,044	29%	3,542	3,101	3,741	6%
Inkiko z'Ibanze	45,563	43,548	54,033	19%	31,689	32,466	39,744	25%	13,874	11,082	14,289	3%

Mu myaka itatu ishize, imaza zose zaciwe n'inkiko muri rusange ziyongereyeho 19%. Izi mpinduka zikaba zaratewe ahanini n'ubwiyongere bw'impuzandengo y'imanza zicibwa n'umucamanza ku kwezi, zageze ku manza 24 zivuye kuri 22 mu myaka ibiri yabanje, ni ukuvuga ubwiyongere bwa 9%. Indi mpamvu ni abacamanza 20 n'abanditsi b'inkiko 20 bagengwa n'amasezerano batangiye imirimo muri Werurwe 2022. Imanza zaciwe mu mizi zo ziyongereyeho 23.6% muri iyi myaka itatu ishize, mu gihe imanza zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo zo ziyongereyeho 4%.

#### 2.1.7 Imanza zasubitswe

Isubika ry'imanza ni kimwe mu bigira uruhare mu kongera umubare w'ibirarane mu nkiko. Imibare igaragaza uko imanza zisubikwa mu nkiko ifasha ubuyobozi gufata ingamba zo kurwanya isubika ry'imanza ridafite impamvu zumvikana.

#### Imbonerahamwe 20: Imanza zasubitswe

Urukiko	Imanza zahamagajwe	Imanza zasubitswe	% ry'imanza zasubitswe
Zose	100,619	33,814	34%
Urukiko rw'Ikirenga	72	31	43%
Urukiko rw'Ubujurire	579	202	35%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	1,057	513	49%
Urukiko rw'Ubucuruzi	2,572	876	34%
Urukiko Rukuru	5,091	1,954	38%
Inkiko Zisumbuye	31,359	11,331	36%
Inkiko z'Ibanze	59,889	18,907	32%

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, imanza zasubitswe zakomeje kuba 34% by'izari zahamagajwe zose ngo ziburanishwe.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igereranya ry'umubare w'izasubitswe uyu mwaka n'imyaka 2 yabanje.


#### Imbonerahamwe 21: Igereranya ku manza zisubikwa muri iyi myaka 3

Urukiko	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose	22,784	29,256	33,814	48%
Urukiko rw'lkirenga	34	31	31	-9%
Urukiko rw'Ubujurire	190	230	202	6%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	509	515	513	1%
Urukiko rw'Ubucuruzi	615	847	876	42%
Urukiko Rukuru	1,627	1,677	1,954	20%
Inkiko Zisumbuye	6,899	9,492	11,331	64%
Inkiko z'Ibanze	12,907	16,464	18,907	46%

Igereranya ry'imanza zasubitswe mu myaka itatu ishize rigaragaza ko ziyongereyeho 48% ziva ku manza 22,784 zigera ku manza 33,814. Mu Rukiko rw'lkirenga niho imanza zasubitswe zagabanutse ku kigero cya 9% mu gihe mu zindi nkiko icyo kigero cyakomeje kuzamuka, aho nko mu nkiko zisumbuye imanza zisubikwa ziyongereye ku kigero cya 64%.

Ishusho ukurikira iragaraza impinduka zabayeho muri iyi myaka itatu ishize mu manza zisubikwa.

#### Ishusho 4: Ijanisha ry'imanza zasubitswe



## 2.1.8 Imanza zisigaye mu nkiko

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zisigaye mu nkiko ndetse n'izabaye ibirarane.

### Imbonerahamwe 22: Imanza zasigaye mu nkiko mu mpera z'umwaka

Urukiko	Imanza zose	2016	2017	2018	2019	2020	2021	2022
Zose	79,468	39	31	124	1,282	10,781	34,832	32,379
Urukiko rw'lkirenga	44	0	0	0	3	0	21	20
Urukiko rw'Ubujurire	1,233			4	4	101	701	423
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	857	0	0	0	10	22	368	457
Urukiko rw'Ubucuruzi	982			0	1	5	87	889
Urukiko Rukuru	14,379	39	31	80	550	3,311	6,375	3,993
Inkiko Zisumbuye	27,803	0	0	1	341	3,371	12,837	11,253
Inkiko z'Ibanze	34,170			39	373	3,971	14,443	15,344

Imanza zisigaye mu nkiko zingana na 88% by'imanza zose zaciwe; naho urebye izaciwe mu mizi, imanza zose zisigaye mu nkiko zingana na 109%. Ibi bikaba byerekana ko ku manza zizinjira mu nkiko umwaka utaha, inkiko zizabasha guca imanza zingana na 12% gusa haramutse hakoze abacamanza n'abanditsi bangana n'abakoze uyu mwaka kandi bagakora ku muvuduko umwe.

Iseengura ry'imanza zisigaye mu nkiko hagereranyijwe imyaka itatu ishize, rigaragaza ko imanza zisigara mu nkiko ziyongereye nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

### Imbonerahamwe 23: Igereranya ku manza zisigaye mu nkiko muri iyi myaka 3

Urukiko	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose hamwe	52,952	69,813	79,468	50%
Urukiko rw'lkirenga	51	35	44	-14%
Urukiko rw'Ubujurire	302	1,144	1,233	308%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	951	882	938	-1%
Urukiko rw'Ubucuruzi	828	738	982	19%
Urukiko Rukuru	7,993	11,379	14,379	80%
Inkiko Zisumbuye	19,478	25,834	27,803	43%
Inkiko z'Ibanze	23,349	29,801	34,170	46%

Muri iyi myaka 3 ishize, imanza zisigaye mu nkiko ziyongereye ku kigero cya 50% ziva ku manza 52,952 zigera ku manza 79,468. Ibi bikaba ari ingaruka ikomoka ku bwiyongere bw'imanza zinjira butajyanye n'ubwiyongere bw'umubare w'abacamanza, bityo umubare w'imanza zicibwa ukaba munsu y'uw'izinjira.

### 2.1.9 Imanza zabaye ibirarane mu nkiko (zirengeje amezi 6 zitaracibwa)

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zabaye ibirarane mu nkiko.

#### Imbonerahamwe 24: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko

Urukiko	Zose	2016	2017	2018	2019	2020	2021
<b>Zose</b>	47,091	39	31	124	1,282	10,782	34,833
Urukiko rw'Ikirenga	24	0	0	0	3	0	21
Urukiko rw'Ubujurire	810			4	4	101	701
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	400	0	0	0	10	22	368
Urukiko rw'Ubucuruzi	93			0	1	5	87
Urukiko Rukuru	10,386	39	31	80	550	3,311	6,375
Inkiko Zisumbuye	16,550	0	0	1	341	3,371	12,837
Inkiko z'Ibanze	18,828			39	373	3,972	14,444

Imbonerahamwe ikurikira yo igaragaza ijanisha ku manza zabaye ibirarane zigereraniye n'imanza zose ziri mu nkiko.

#### Imbonerahamwe 25: Ijanisha ku manza z'ibirarane ugereraniye n'iziri mu nkiko zose

Urukiko	Ibirarane mu mpera za Kamena 2022	Imanza zose ziri mu nkiko mu mpera za Kamena 2022	%
Zose	47,091	79,468	59%
Urukiko rw'Ikirenga	24	44	55%
Urukiko rw'Ubujurire	810	1,233	66%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	400	857	47%
Urukiko rw'Ubucuruzi	93	982	9%
Urukiko Rukuru	10,386	14,379	72%
Inkiko Zisumbuye	16,550	27,803	60%
Inkiko z'Ibanze	18,828	34,170	55%

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, mu manza zose ziri mu nkiko, izigera kuri 59% zabaye ibirarane. Impamvu iza ku isonga mu gutuma ibirarane bikomeza kwiwongera ni uko imanza zinjira mu nkiko buri mwaka na zo zikomeza kwiwongera ndetse zikaruta izicibwa, kandi umubare w'abacamanza n'abanditsi b'inkiko wo utiyongera.




## Imbonerahamwe 26: Igereranya ry'umubare w'imanza zabaye ibirarane mu myaka 3 ishize

Urukiko	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
Zose	25,356	37,394	47,091	86%
Urukiko rw'Ikirenga	33	25	24	-27%
Urukiko rw'Ubujurire	165	481	810	391%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	568	379	400	-30%
Urukiko rw'Ubucuruzi	166	99	93	-44%
Urukiko Rukuru	4,790	7,141	10,386	117%
Inkiko Zisumbuye	8,511	13,832	16,550	94%
Inkiko z'Ibanze	11,123	15,437	18,828	69%

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko imanza z'ibirarane ziyongereyeho 86% muri iyi myaka itatu ishize, ziva ku manza 25,356 zigera ku manza 47,091; ibi bikaba bikomoka ku bwiyoungere bw'imanza zinjira ziruta imanza zicibwa.

Ishusho ikurikira na yo igaragaza impinduka ku bwiyoungere bw'imanza zabaye ibirarane zigereranijwe n'imanza zisigara mu nkiko.

### Ishusho 5: Imanza zisigaye n'izabaye ibirarane



#### 2.1.10 Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo

**“ Inkiko zaburanishije imanza zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo 18,049 ziregwamo abantu 23,90. ”**

Muri uyu mwaka w'ubucamanza, Inkiko zaburanishije imanza zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo 18,049 ziregwamo abantu 23,901. Muri bo 6,965 bafunguwe by'agateganyo, naho 12,235 bafungwa by'agateganyo, abasigaye bafatirwa ibindi

byemezo biteganywa n'itegeko nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

## Imbonerahamwe 27: Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo

Urukiko	Umubare w'imanza	Ibyemezo byafashwe						
		Abarezwe	Icyemezo gitegeka ibigomba kubahirizwa	Icyemezo ku ifunga rinyuranyije n'amategeko	Ibindi byemezo	Gufungwa by'agateganyo	Kongerera ifungwa ry'agateganyo	Gufungurwa by'agateganyo
Zose hamwe	18,049	23,901	383	1	2,997	12,235	1,320	6,965
Urukiko Rukuru	21	26			15	6	1	4
Inkiko Zisumbuye	3,741	4,773	9		2,655	188	1,064	857
Inkiko z'Ibanze	14,287	19,102	374	1	327	12,041	255	6,104

Mu manza 18,049 zaregewe inkiko zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo, harezwemo abantu 23,901 abagera kuri 29% bemerewe gufungurwa by'agateganyo, 51% bafungwa by'agateganyo, abasigaye bafatirwa ibyemezo bitandukanye birimo kongererwa igihe cyo gufungwa by'agateganyo, *bail on condition* na *habeas corpus*.

### 2.1.11 Imanza zerekeye ibyaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu

Mu byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu harimo iz'abana, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibyaha bimunga ubukungu, ingengabitekerezo ya jenocide, ibiyobyabwenge n'icuruzwa ry'abantu.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zinjiye zifitanye isano n'ibi byaha.

## Imbonerahamwe 28: Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu

Urukiko	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu	Ingengabitekerezo ya jenocide	Ibiyobyabwenge	Gucuruza abantu	Imanza z'abana
Zose	2,013	389	149	529	4	813
Urukiko rw'Ubujurire	4	1		5		
Urukiko Rukuru	35	86	51	15	1	87
Inkiko Zisumbuye	1,842	209	74	229	2	722
Inkiko z'Ibanze	132	93	24	280	1	4

Impinduka zabaye muri iyi myaka itatu muri izi manza zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Imbonerahamwe 29: Impinduka zabaye mu manza zigira ingaruka ku gihugu muri iyi myaka 3

Ibyaha	2019/2020	2020/2021	2021/2022	Impinduka
<b>Byose</b>	5,889	4,306	3,897	-34%
lhohoterwa rishingiye ku gitsina	1,941	1,867	2,013	4%
Ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu	354	554	389	10%
Jenoside n'ibyaha bijyanye na yo	147	203	149	1%
Ibiyobyabwenge	3087	1048	529	-83%
Gucuruza abantu	2	4	4	100%
Imanza z'abana	358	630	813	127%

Izi manza zagabanutseho 34% muri iyi myaka 3. Izagabanutse cyane ni izerekeye ibiyobyabwenge, zagabanutseho 83%, naho iziyongereye cyane ni iz'abana zazamutseho 127% mu gihe izerekeye gucuruza abantu zazamutseho 100%.

### 2.1.12 Imanza zaciwe mu nkiko za gisirikare.

Mu mwaka w'ubucamanza wa 2021-2022 (guhera Nyakanga 2021 kugeza Kamena 2022), mu Rukiko rwa Gisirikare hari imanza 1,164 harimo imanza mu mizi 752 n'imanza 412 zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo. Muri izi manza haciwe 1,016 harimo imanza mu mizi 604 n'imanza 412 zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo. Umwaka warangiye muri uru rukiko hasigayemo imanza 148 zari zitaracibwa, harimo 22 zaburanishijwe zitegereje gusomwa.

Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwo rwari rufite imanza 463. Muri zo rwacyiye Imanza 169 mu mizi n'imanza 203 zerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo. Umwaka warangiye muri urwo rukiko hasigayemo imanza 91 zari zitaraburanishwa, ahanini kubera ubusabe bw'ababuranyi bari bagishaka ababunganira mu mategeko.

## 2.2 Gutanga ubutabera bunoze

***“ Gutanga ubutabera mu gihe gikwiye bijyana no gutanga ubutabera bunoze. ”***

Gutanga ubutabera mu gihe gikwiye bijyana no gutanga ubutabera bunoze. Ni yo mpamvu Urwego rw'Ubucamanza rugira ingamba n'ibikorwa bitandukanye bigamije kwimakaza ubutabera bunoze.

Muri uyu mwaka, mu by'ingenzi byibanzweho muri uru rwego harimo guhuza imicire y'imanza no gusesengura imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Ibika bikurikira bigaragaza umusaruro w'ibikorwa byakozwe kwimakaza ubutabera bunoze mu nkiko.

## 2.2.1 Guhuza imicire y'imanza

Guhuza imicire y'imanza bigambiriye gutuma habaho imirongo imwe mu byemezo bifatwa ku bibazo bisa. Ibi bifasha kongera ubudakemwa bw'imanza kuko abacamanza bashingira ku mirongo isanzwe iriho mu nkiko mu gihe bafata ibyemezo mu bibazo baba bashyikirijwe n'ababuranyi. Ibi bifasha kandi abaturage kumenya ibyemezo byazafatwa ku bibazo bisa n'ibyabo igihe baregeye inkiko. Ibi bituma na none bamwe muri bo bareka kujyana ibirego byabo mu nkiko bashingiye ku byemezo babona ko biba byafashwe ku bibazo bisa n'ibyabo.

Nk'uko bisanzwe, ibyakozwe muri uyu mwaka byibanze ku gutoranya no gutangaza imanza mu buryo bw'ibitabo kimwe no kuzishyira ku murongo w'ikoranabuhanga wa <https://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do>

Kimwe n'umwaka ushize, muri uyu mwaka imanza zatangajwe ni makumyabiri n'eshanu (25), zikubiye mu mitumba ine (4) ikurikira:

### ▪ **Umutumba wa III [2021] 3 RLR**

Hakubiyemo imanza indwi (7):

- Imanza eshatu (3) z'imbonezamubano
- Imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi
- Urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsu
- Urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'imiburanishirize y'imanza

### ▪ **Umutumba wa IV [2021] 4 RLR**

Harimo imanza zirindwi (6):

- Urubanza rumwe mbonezamubano (1)
- Urubanza rumwe rw'ubucuruzi (1)
- Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'itegeko Nshinga
- Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza

### ▪ **Umutumba wa I [2022] 1 RLR**

Hatangajwemo imanza esheshatu (6):

- Urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano,
- Urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi
- Urubanza rumwe (1) rw'inshinjabyaha

- Imanza ebyiri (2) zerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'itegeko Nshinga
- Urubanza rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba isobanura mpamo ry'amategeko

▪ **Umutumba wa II [2022] 2 RLR**

Hakubiyemo imanza eshanu (5):

- Urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsu
- Urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'itegeko Nshinga
- Imanza eshatu (3) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza

**Muri iyi mizingo uko ari 4, hagaragaramo imirongo yatanzwe. Imwe muri yo ni iyi ikurikira :**

**Umutumba wa 3 -2021**

**I. Urubanza RS/ INJUST/ RC 00007/2018/ SC; NDIRIBAMBE v GATERA N'UNDI**

Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Imbibu z'ikiburanwa – Ibyemejwe mu rundi urubanza rwaciye ku rwego rwa nyuma, ntibishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rutari mu ruhererekane rumwe na rwo, hashingiwe gusa ku kuba zifitanye isano.

Imiburanishirije y'imanza zasabiwe gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane – Imbibu z'ikiburanwa – Ibirego bishya bitari mu murongo w'ibyaburanywe urubanza rugitangira mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu urubanza rusubirishwamo ntibyakirwa mu urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu y'akarengane.

Amasezerano y'ubugure – Inshingano y'ugurisha – Ugurisha yishingira ko umuguzi atazavutswa uburenganzira bwe ku cyo yaguze.

**II. Urubanza RS/INJUST/RC00001/2019/SC; RIZIKI v MUBIRIGI**

Umuryango – Ubutane – Kugabana imitungo – Iyo abashyiranywe mu buryo bw'ivangamutungo batanye, ihame ni uko bagabana umutungo ku buryo bungana; yaba ukugurisha umutungo basangiye bakagabana amafaranga avuyemo, yaba kugabana ibintu uko bimeze hatagize ikigurishwa cyangwa se kuba umwe yaha undi agaciro k'umutungo ubazwe mu mafaranga akawugumana batagombye kugabana – Mu gihe batumvikanye muri bumwe muri ubwo buryo, umucamanza ni we utegeka igikwiye kitagize uwo kibangamiye mu bashakanye.

## Umutumba wa 4 - 2021

### I. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00004/2020/SC; Re ASIIMWE

**“ Uburenganzira bwo kujurira bushobora kugabanywa ku bujurire bwa kabiri. ”**

Ubutabera buboneye – Ubujurire – Ubujurire bwa kabiri – Uburenganzira bwo kujurira ntayegayezwa ni ubujurire bwa mbere kandi na bwo bushobora gushyirwaho imbibi (limitations) hagamiywe intego ifite ireme – Uburenganzira bwo kujurira bushobora kugabanywa ku bujurire bwa kabiri, ariko bigakorwa hagaragazwa intego yemewe n’amategeko n’isano yumvikana ifitanye n’uburyo bwakoreshejwe.

Ubujurire bwa kabiri mu manza z’inshinjabyaha – Ubutabera buboneye – Kuba uwaburanye ahakana icyaha aregwa ashobora kwemererwa ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku gihano yahawe mu gihe nyamara uwaburanye yemera icyaha aregwa ubujurire bwe bwa kabiri butakirwa kandi aba yarafashije ubutabera, ibi bakaba ari ugusumbanya ababuranyi no kutabafata kimwe ndetse bikaba binyuranyije n’ihame ryo kureshya imbere y’amategeko.

### II. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00005/2020/CS - RS/INCONST/SPEC 00006/2020/CS; Re. KABASINGA N’UNDI

Itegeko rihana ibyaha – Itegeko rihana rigomba kwandikwa mu buryo busobanutse kandi butarimo urujijo – Si inshingano y’umucamanza kugena ibikorwa bigize icyaha bigomba guhanwa, ahubwo ibyo ni inshingano y’umushingamategeko – Itegeko rigomba kwandikwa ku buryo buri wese ashobora kumenya imbibi z’icyemewe n’ikibujijwe, n’ingaruka z’ibihano igihe akoze ikibujijwe, kugirango ashobore kucyirinda (predictability) – Itegeko niryo rigena icyaha (igikorwa gihanwa) n’igihano gihanishwa.

Urubanza rutabera (*fair trial*) – Igihano ntayegayezwa – Kuba uwahamwe n’icyaha adashobora kujuririra igihano yahawe kugira ngo kigabanywe hashingiwe ku mpamvu nyoroshyacyaha binyuranyije n’ihame ry’uburenganzira ku butabera buboneye n’iry’ubwisanzure bw’umucamanza mu kugena igihano gikiye.

Ubwisanzure n’ubwigenge bw’umucamanza – Igihano ntayegayezwa – Umucamanza afite ubwisanzure bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n’uburyo biteganywa n’amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy’inzego za Leta, n’icy’abandi – Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n’uburemere bw’icyaha, uburyo cyakozwemo, n’igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano.

Ubutabera buboneye – Imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo – N’ubwo umucamanza ashobora gufata icyemezo atitaye ku byatangajwe, ababuranyi n’abandi baturage bo bashobora gutekereza ko yabigendeyeho, bigatuma icyemezo cyose yafata kitakirwa neza, kandi ihame ari uko ubutabera butagomba gutangwa gusa ahubwo bugomba no kugaragara ko bwatanzwe.

## Umutumba wa 1- 2022

### I. Urubanza RS/INTL/SPEC 00001/2020/SC; Re. URUGAGA RW'ABAVOKA MU RWANDA (2)

Ikirego gisaba isobanurampamo – Ibisabwa kugira ngo ikirego cyakirwe – Utanga ikirego agomba kubanza kugaragaza inyungu ashaka kurengera, zishobora kuba inyungu bwite cyangwa inyungu rusange, kugaragaza ko ingingo y'itegeko asabira isobanurampamo iteje impaka mu myumvire yayo, ko hari imanza cyangwa ibyemezo by'ubutegetsi bivuguruzanya ku bisobanuro by'ingingo y'itegeko, cyangwa ko hari amagambo ari mu itegeko atera urujijo ku buryo yahabwa ibisobanuro bitandukanye bivuguruzanya, kandi bikaba biri mu nyungu rusange ko ayo magambo asobanuka – Kuba itegeko riteje impaka mu myumvire yaryo ntibwitwa impaka iyo hari icyemezo cy'urukiko ku rwego rwa nyuma cyatanze umurongo ku kibazo ababuranyi bagaragaza ko giteye urujijo.

### II. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2020/SC; Re KABASINGA

*“ Abantu bafatwa kimwe imbere y'itegeko, nta busumbane cyangwa ivanqura. ”*

Ihame ry'uko abantu bashesya imbere y'amategeko – Gudatandukanya abantu – Abantu bafatwa kimwe imbere y'itegeko, nta busumbane cyangwa ivangura ndetse n'itegeko rigiyeho rigafata kimwe abo rireba – Iri hame rishobora kugira irengayobora (*exception*) igihe hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme bigatuma abantu bafatwa kimwe ariko hitawe ku miterere

yabo, bikaba atari ivangura.

Icyaha cyo kwica uwo wibiyariye – Ni icyaha cyihariye kidashobora gukorwa n'umugabo bitewe n'imiterere ye nk'umuntu udashobora gutwita ngo abyare, ngo noneho nyuma yo kubyara abe yagira ingaruka ziturutse kuri uko kubyara cyangwa se konsa nk'uko biba ku mugore – Ni umugore ugikora abitewe n'ingaruka zo kubyara.

Ubutabera buboneye – Uburyo butandukanye bugize ubutabera buboneye – Ubutabera buboneye bushingiye ku iyubahirizwa ry'imihango ya ngombwa n'uruhererekane rw'ibigomba kubahirizwa hashingiye ku mahame ateganywa n'amategeko naho Ubutabera buboneye bushingiye ku biteganywa n'itegeko bwo bubuza ishyirwaho ry'amategeko cyangwa izindi ngamba zidashyira mu gaciro zibangamira uburenganzira bw'abaturage.

Ibikorwa bigize icyaha cyo kwica uwo wibiyariye – Ni ibikorwa umugore yakoze abishaka cyangwa akanga gukora ikigomba gukorwa na bwo abishaka, agamije kwica umwana yibiyariye, ariko ibyo akabikora abitewe n'ihungabana rituruka kuri uko kubyara cyangwa se konsa. Uko guhungabana gutandukanye no guta ubwenge gushobora gutuma umuntu adashobora kumenya ibyo yakoze.

## **Umutumba wa 2- 2022**

### **I. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00001/2021/SC; Re GREAT LAKES INITIATIVE FOR HUMAN RIGHTS AND DEVELOPMENT (GLIHD)**

Uburenganzira bwo kubaho – Ni uburenganzira shingiro bw'ikiremnamuntu ubundi burenganzira bwose bushingiyeho, bugomba kurindwa ku buryo nta muntu ushobora kubuvutswa mu buryo bunyuranyije n'amategeko – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 12.

Uburenganzira ku buzima bwiza – Kugira ubuzima bwiza ntibigarukira gusa kuba umuntu yumva atarwaye cyangwa se yumva nta bumuga afite ahubwo ni ukuba yumva ameze neza mu mubiri, mu mitekerereze no mu mibereho ye n'abandi.

Uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe – Ibikorwa bibangamira uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe – Ni ibikorwa byose bibabaza umubiri nko kwica umuntu, kumukomeretsa byaba mu buryo bukomeye cyangwa bworoheje, kumukorera ibikorwa by'iyicarubozo, kumushyira mu bikorwa by'ubucakara, kumusambanya ku gahato cyangwa se kumukorera irindi hohoterira iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina, n'ibindi bikorwa byose bigamije kumutesha agaciro.

Uburenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko –Ivangura – Abantu bafatwa kimwe imbere y'itegeko, nta busumbane cyangwa ivangura, ndetse n'itegeko rigiyeho rigafata kimwe abo rireba – Byitwa gutandukanya abantu hagamijwe kuvutsa amahirwe bamwe no gutonesha abandi, bigakorwa hashingiwe ku mpamvu zitumvikana.

Uburenganzira bwo kubaha imibereho bwite y'umuntu – Ni uburenganzira umuntu wese afite bwo kwishyira akizana mu mibereho ye bwite, mu mibanire ye n'abandi ntawe umvogereye cyangwa ngo yivange mu mibereho ye bwite mu buryo bunyuranyije n'amategeko, akabikora mu bwisanzure kandi ntacyo yikanga.

### **II. Urubanza RADAA 00009/2018/CA; NZEYIMANA N'ABANDI v. MUHIRWA N'ABANDI**

Ubusobekerane bw'imanza – Ubujurire bw'ibyemezo ku busobekerane bw'imanza – Ibyemezo bitegeka cyangwa ibyanganga ko imanza zifatanywa bijuririrwa kimwe nk'uko bikorwa ku bijyanye n'ububasha bw'inkiko kandi bikaba bigomba kubanza gukemuka mbere y'uko imanza zikomeza kuburanishwa.

Kuregera urukiko – Inyungu yo kurega – Ni agaciro urega ku giti cye aha icyo asaba urukiko, kagomba kuba kataziguye kandi kemewe n'amategeko, ku buryo kadahari, nta burenganzira aba afite bwo kurega. Iyo nyungu ireberwa kuba hari ihungabana ry'uburenganzira, nubwo urubanza rwagaragaza ko ubwo burenganzira bwahungabanywe cyangwa butahungabanywe.



## 2.2.2 Igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujirire

Gusesengura igipimo cy'imanza zihindurwa mu bujirire bifasha Urwego rw'Ubucamanza gushyiraho ingamba zihamye zo kurushaho kongera ubudakemwa bw'imanza.


**“ Mu manza 14,753 zaciwe mu bujirire, izahinduwe ni 918 zigera kuri 6% nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza. ”**

### Imbonerahamwe 30:Imanza zahinduwe mu bujirire

Urukiko	Izaciwe mu bujirire	Izahinduwe mu bujirire	Ijanisha
Zose	14,753	918	6%
Urukiko rw'Ubujirire	532	104	20%
Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi	928	45	5%
Urukiko Rukuru	4,162	571	14%
Inkiko Zisumbuye	9,131	198	2%

Impinduka zabaye mu manza zihindurirwa ibyemezo mu bujirire muri iyi myaka itatu zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Ishusho 6: Igereranya ku ijanisha ry'imanza zahinduwe mu bujirire mu myaka itatu ishize



### 2.2.3 Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane

Mu gushimangira ubudakemwa bw'imanza zicibwa, Umushingamategeko yahaye ababuranyi inzira yo gusubirashamo imanza zarangije izindi nzira zose z'ubujurire (zisanzwe n'izidasanzwe), mu gihe bumva ko icyemezo cyafashwe n'urukiko cyabarenganyije. Hakurikijwe uko itegeko ribiteganyanya, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ni we wemeza ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, abisabwe na Perezida w'urukiko rwisumbuye ku rwacye urwo rubanza ku rwego rwa nyuma cyangwa se abisabwe n'Urwego rw'Umuvunyi (na bo babisabwe n'ababuranyi) cyangwa Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko ku birego bigaragara ko bidafite ababitanga.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'imanza zabonetsemo akarengane zigereraniye n'izasubiwemo zose.

Izo inkiko zemeje ko zirimo akarengane zimaze kongera kuburanishwa (A)	34
Izafatiwe icyemezo cya nyuma(B)	1,288
Izo ba Perezida b'inkiko basanze nta karengane karimo (B1)	1,116
Izo inkiko zacye zikemeza ko nta karengane karimo (B2)	143
Izavuye ku Rwego rw'Umuvunyi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akemeza ko nta karengane karimo(B3)	29
Ubwiganze bw'akarengane mu manza zisabirwa gusubirwamo $C=A/B$	3%

Mu manza zose zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu zakarengane zasuzumwe zigafatirwa umwanzuro wa nyuma muri uyu mwaka dusoje, zigereraniye n'izo inkiko zacye zikemeza ko nta karengane karimo, usanga akarengane kagaragarara mu manza 3 ku manza ijana zisabirwa gusubirwamo.

### III.KONGERA IMBARAGA MU IKORESHA RY'IKORANABUHANGA MU KUNOZA IMITANGIRE YA SERIVISI MU NKIKO

Iyi ntego ijyana no gukomeza kunoza ikoranabuhanga rimaze gushinga imizi mu mikorere y'inkiko ndetse no kuriyanyisha n'igihe, hagamijwe kwegereza abagana inkiko serivisi, kwihutisha ibikorwa byazo, no kuzifasha kugera ku musaruro utubutse hakoreshejwe igihe n'umutungo ku kigero gikwiye (*court efficiency and effectiveness*).

Mu bipimo by'ingenzi byitabwaho muri iyi ntumbero harimo:

- kwagura imikorere ya IECMS (*development of new IECMS functionalities*),
- kongera ikoranabuhanga ritandukanye rifasha mu kazi k'inkiko (*court technologies*),
- kubaka ibikorwa remezo no gushaka ibikoreho by'ikoranabuhanga biyanye n'igihe.

#### 3.1 Kwagura imikorere ya IECMS

Mu kwagura imikorere ya IECMS mu igenamigambi ry'igihe kirekire (*strategic plan*) byari biteganyijwe ko muri iyi myaka itatu ishize (kuva muri 2019/2020 kugeza muri 2021/2022) Urwego rw'ubucamanza ruzaba rwarubatse irindi koranabuhanga ryuzuzanya na IECMS no kubihuza (*integration*) ku buryo ibikorwa byarwo byose biba bikorerwa ku ikoranabuhanga. Muri byo harimo:

- kubaka ikoranabuhanga ryifashishwa mu micungire y'umusaruro w'Urwego rw'Ubucamanza (*Judicial Performance Management System*) no kuyihuza na IECMS. Ibi bikaba byarakozwe kandi bikababyitezwe ko iri koranabuhanga rizatangira gukoreshwa mu 2022/2023.
- kubaka ikoranabuhanga rikoreshe mu gutangaza imanza zaciwe, amategeko akoreshwa, n'inyandiko za gihanga mu mategeko (*Law Reporting System*) igomba kubakwa kandi igahuzwa na IECMS. Iri koranabuhanga naryo ryatangiyeye kubakwa rikaba rigeze kuri 50%.

#### 3.2 Kongera ikoranabuhanga ryifashishwa mu nkiko (*court technology*)

N'ubwo hari ibimaze gukorwa, urugendo rugomba gukomeza kandi ikoranabuhanga rigashinga imizi mu mikorere y'inkiko, ku buryo ibikorwa ubundi bisaba ko ababigiramo uruhare bose (abakozi b'urukiko, ababuranyi, ababunganira, abatangabuhamya n'abandi) baturira ku cyicaro cy'urukiko, nko kuburanisha no kuyobora inama ntegurarubanza, bizajya bikorwa bitabaye ngombwa ko abo bose

baza ku rukiko. Uru rugendo rukaba rwaratangiye by'umwihariko mu gihe cy'icyorezo cya Korona virusi, ikoranabuhanga rikaba ryaragize uruhare runini mu gutuma akazi k'inkiko kadahagarara no mu gihe igihugu cyangwa uduce tumwe twari muri guma mu rugo. Ababuranyi bakaba barakomeje gutanga ibirego ndetse n'ianza zimwe ziraburanishwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

Biteganijwe ko mu mwaka wa 2022/2023 hazatangira kubakwa ikoranabuhanga rizafasha kugera kuri iyi ntego, rizaba rishingiye kuri IECMS (*Virtual hearing application*).

### **3.3 Kongera ibikorwaremezo, kubivugurura no gushaka ibikoresho by'ikoranabuhanga bijyanye n'igihe**

Mu rwego rwo kubaka ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga mu nkiko hagombaga kuvugururwa imirongo ya interineti (*Local Area Network/LAN*). Urwego rw'Ubucamanza hamwe n'izindi nzego zigize Urunana rw'ubutabera zikeneye imirongo ya interineti zateguye umushinga zihuriyeho mu rwego rwo gukemura iki kibazo, ndetse uyu mushinga ukaba warahawe ingengo y'imari, ukaba ugomba gutangira gushyirwa mu bikorwa mu mwaka w'ubucamanza utaha wa 2022/2023.

Mu gushaka ibikoresho by'ikoranabuhanga bijyanye n'igihe muri uyu mwaka dusoje haguzwe imashini 156 zisanga izindi 158 zose hamwe ziba 314. Inkiko zose kandi zikaba zifite ibikoresho bizifasha mu gufotora impapuro no kuzi scanner aho bikenewe.

## **IV. GUSHAKIRA INKIKO AHO ZIKORERA N'IBIKORESHO BY'IBANZE**

Kugira ngo Urwego rw'Ubucamanza rugere ku ntego zarwo, rukenera kugira inyubako aho rukorera hose mu gihugu ndetse n'abakozi barwo bagera kuri 700 bagakenera ibikoresho birimo imashini n'ibindi bikoresho byo mu biro. Ibimaze gukorwa bisobanurwa mu bika bikurikira.

### **4.1 Kubaka, kuvugurura, kwagura no gusana inyubako z'inkiko**

Aho gukorera haboneye n'ibikoresho bya ngombwa ni kimwe mu bikenerwa kugira ngo abakozi b'inkiko babashe kuzuza neza inshingano zabo zo gutanga ubutabera.

Inkiko zose uko ari 63 zikaba zikorera mu nyubako 51 harimo imwe ikodesherezwa Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire.

Muri iyi ntego hari hateganijwe kubakira inkiko zari zifite inyubako zishaje cyane cyangwa izidafite aho gukorera zikodesherezwa, harimo kuvugurura no kwagura

inyubako kugira ngo inkiko zahujwe mu ivurururwa ry'inzego z'Ubucamanza ryakozwe mu mwaka wa 2018 zibone aho gukorera.

Cyakora kubera ingengo y'imari yari ikenewe itarabonetse muri iyi myaka itatu ishize, mu nkiko z'ibanze enye zagombaga kubakirwa mu cyiciro cya mbere, nta nyubako n'imwe yabashije gutangira. Byitezwe ko mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2022/2023 izi nyubako ariho zizatangira kubakwa.

## 4.2 Gushaka ibikoresho byo mu biro inkiko zikenera

Mu gushakira inkiko ibikoresho byangombwa, byari biteganijwe ko buri mwaka hagurwa ibikoresho bikenewe mu nkiko zisumbuye 9 kuri 12 no mu nkiko z'ibanze 26 kuri 41 ziri mu gihugu.

Muri uyu mwaka dusoje haguzwe intebe 104, ameza 19 n'utubati 14 two kubikamo inyangandiko, byose bihabwa Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujuje kuko izi nkiko na zo byagaragaye ko zari zifite ikibazo cy'ibikoresho by'ibanze.

Mu bindi bikoresho byaguzwe harimo imashini zitanga umuriro 3 zahawe inkiko z'ibanze za Kiyumba, Gashali na Nyamata. Byari biteganijwe ko muri iyi myaka 3 ishize inkiko z'ibanze 9 zihabwa izi mashini, ariko ubu izimaze kuzibona ni inkiko 4 gusa.

## V. KURUSHAHO KUNOZA IMICUNGIRE Y'ABAKOZI, HASHYIRWA IMBARAGA MU BUNYAMWUGA N'UBUZOBERE MU BYICIRO BY'IMIRIMO

Muri iyi ntego hitabwa ku guhugura abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, kurwanya ruswa n'akarengane no kwita ku myitwarire ntashyikirwa mu bakozi b'inkiko ndetse no kwimakaza ihame ry'uburinganire.

### 5.1 Amahugurwa yakozwe

Muri uyu mwaka hakozwe amahugurwa mu masomo y'ihariye (*specialized legal diploma program*) hanatangwa amasomo yo gukarishya ubumenyi nk'uko bigaragara mu bika bikurikira.

#### 5.1.1 Amasomo yihariye (*specialized legal program*)

Aya masomo agamiye kongerera abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko ubumenyi bukenewe mu kazi ko guca imanza hibandwa ku bumenyi bwihariye (*specialization*) mu ngeri zinyuranye z'amategeko. Uyu mwaka hakaba haratangijwe amasomo mu ngeri enye z'amategeko, yitabiriwe n'abanyeshuri 90 baziga mu gihe cy'amezi atandatu

(6). Biteganyijwe ko mu kwezi kwa cyenda 2022 hazatangira indi porogaramu ya gatanu izaba irimo abanyeshuri 30.

### **5.1.2 Amasomo y'umwuga yagenewe abanyamategeko (*Diploma in legal practice*)**

Nyuma y'uko abacamanza bo mu nkiko z'ibanze n'inkiko zisumbuye bagera kuri 247 bakurikiye amasomo y'umwuga yagenewe abanyamategeko (*diploma in legal practice*), byari biteganyijwe ko kuva muri 2018, buri mwaka abanditsi 57 na bo bazajya biga aya masomo. Cyakora kubera kubura ingengo y'imari igenewe iki gikorwa, ibi ntibyashobotse kuko kugeza mu mpera za 2021/2022 abanditsi 18 ari bo bashoboye kwiga aya masomo batangiye muri 2019/2020 bakayasoza muri 2021/2022 kubera icyorezo cya Korona virusi cyatumye adasozwa mu gihe cyari giteganyijwe.

### **5.1.3 Amahugurwa yo gukarishya ubwenge (*Continuing Legal Education*)**

Mu rwego rwo kubaka urwego rukora kinyamwuga nanone, uretse amasomo yihariye yavuzwe haruguru ahabwa abacamanza n'abanditsi, hari amasomo y'igihe gito yo gukarishya ubwenge agenerwa aba bakozi b'inkiko cyane cyane ku mategeko akunze gukoreshwa mu kazi k'inkiko. Muri uyu mwaka dusoje hakaba haratanzwe amasomo mu ngeri 11 z'amategeko, yitabiriwe n'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bagera kuri 889.

### **5.1.4 Amahugurwa yahawe yo kuzamura ubumenyi mu ngeri zitandukanye.**

Muri uyu mwaka hakoze amahugurwa agenewe kongerera ubumenyi abakozi bunganira inkiko. Muri yo twavugaga amahugurwa ajyanye n'ikoranabuhanga (ICDL) yakurikiranywe n'abakozi 99, hari kandi amasomo y'ubunyamwuga mu ibaruramari (CPA) aho abakozi 3 barangije kwiga. Hakoze kandi amahugurwa mu ikoresha rya SOBANUZINKIKO ku bakozi 67.

## **5.2 Kwita ku myitwarire ikwiye no kurwanya ruswa mu bakozi b'inkiko**

***“ Mu micungire myiza y'abakozi harimo guteza imbere imyitwarire ya kinyamwuga izira ruswa.”***

Mu micungire myiza y'abakozi harimo guteza imbere imyitwarire ya kinyamwuga izira ruswa n'indi myitwarire iganisha kuri ruswa, ibi Urwego rw'Ubucamanza rubyitaho cyane. Iyo hagize umukozi ukekweho ruswa cyangwa imikorere iganisha kuri ruswa, Ubugenzuzi bw'Inkiko burabikurikirana, kwasanga bifite ishingiro bugategura raporo ishyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza na yo yamara kubisuzuma, abahamwe n'amakosa bagafatirwa ibihano biteganywa n'amategeko. Muri uyu mwaka dusoje hakaba hari abanditsi b'inkiko batatu bahawe ibihano n'Inama Nkuru y'Ubucamanza aho umwe yirukanwe burundu, undi yamburwa inshingano y'ubuyobozi, undi ahanishwa gutinzwa kuzamurwa mu ntera.

Mu rwego rwo kurwanya ruswa, hakoze ibi bikurikira:

- hateguwe icyumweru cyo kurwanya ruswa mu nkiko cyatangiyeye tariki ya 21 gisoza tariki ya 25/02/2022. Muri icyo cyumweru habayemo ibikorwa bitandukanye mu nkiko, nko gutanga ibiganiro ku bubu bwa ruswa, kuburanisha imanza z'abaregwa icyaha cya ruswa n' ibindi.
